# UKO WAKORESHA SOBANUZAINKIKO

## I. GUSABA GUSUBIRISHAMO URUBANZA KU MPAMVU Z’AKARENGANE

### Gusubirishamo urubanza ku mpamvu z’akarengane


1. Jya muri murandasi wandikemo “sobanuzainkiko.org”
2. Ukande ahaditse “GUSUBIRISHAMO URUBANZA” nk’uko bigaragara munsi





### Kwinjira muri “system” cyangwa kwiyandikisha:

### Ku muntu ugiye gukoresha “Sobanuzainkiko” bwa mbere, akora ibi bikurikira:


1. Kanda ahanditse “***iyandikishe***”



2. Uzuza umwirondoro wose nk'uko uwusabwa na "system" cyane cyane ahagaragara akamenyetso k'umutuku (*) ukande kuri "***ohereza***".





"System" ikohererereza ubutumwa kuri "email" bukugaragariza "username & password" (izina uzajya ukoresha hamwe n'ijambo ry'ibanga) uzajya ukoresha muri "Subanuzainkiko".






**Ku muntu wari usanzwe akoresha "Sobanuzainkiko" akora ibi bikurikira:**

1. Uzuza amazina cyangwa "email" wafunguje
2. Uzuza ijambo ryawe ry'ibanga
3. Andika ijambo rigaragara ibumoso (**Urugero** rsev7)
4. Kanda ahanditse "***injira hano***".





1. Iyo umaze kwinjira muri "system" wuzuza amakuru ku byerekeye ikibazo cyawe, cyane cyane nimero y'urubanza ufiteho ikibazo
2. Ugatanga ibisobanuro bw'uburyo warenganijwemo
3. Kanda ahanditse "***Ibikurikira***"
4. Tanga ibimenyetso bigaragaza uburyo warenganijwemo na kopi y'urubanza
5. Andukura amagambo ubona ibumoso
6. Kanda ahanditse "***Ohereza***"







*Ubusabe bwawe buba bugeze mu rukiko "system "iraguha ubutumwa bugaragaza nimero uzajya ukoresha ukurikirana ikibazo cyawe.*





## II. KOHEREZA IKIBAZO KU MUVUNYI mu gihe utanyuzwe n'igisubizo wahawe

1. Winjira muri "system" ya "Sobanuzainkiko" ukoresheje izina n'ijambo ry'ibanga byawe
2. Ugakanda ahanditse "***Gutanga ikibazo ku Muvunyi***", "system" ikuzanira ibibazo byawe byose urukiko rutakiriye





3. Kanda kuri nimero y'ikibazo wifuza kohereza ku Muvunyi kugira ngo gifunguke.
4. Andika ibisobanuro n'ibimenyetso byawe

5. Kanda kuri “***Ohereza ku Muvunyi***”.




**Ubona ubutumwa bukwereka ko ikibazo cyawe cyatanzwe ku Muvunyi**




## III. GUTANGA AMAKURU KURI RUSWA MU RUBANZA NO GUTANGA AMAKURU UTISHIMIYE IMIGENDEKERE Y’URUBANZA

Ushobora gutanga amakuru ukeresheje ubutumwa bugufi cyangwa interineti

**Gutanga amakuru wifashishije ubutumwa bugufi:**

1. Jya ahandikirwa ubutumwa bugufi muri telefone yawe
2. Niba ushaka gutanga amakuru kuri ruswa mu rubanza andika ijambo **RUSWA** usige akanya, wandike ibisobanuro
3. Niba ushaka gutanga amakuru ku rubanza rutagenda neza, andika ijambo **URUBANZA** usige akanya, wandike ibisobanuro
4. Ohereza kuri **2640**
5. Urabonamo nimero y'icyo kibazo ushobora gukoresha ukurikirana aho kigeze umunsi ku munsi

**Gutanga amakuru wifashishije interineti:**

1. Hitamo ikiciro ushaka gutangaho amakuru (ruswa mu rubanza cyangwa kutishimira imigendekere y'urubanza)
2. Uzuza imyirondoro yawe
3. Uzuza urupapuro rwabigenewe usubiza ibibazo bitanga amakuru
4. Kanda kuri "***Ohereza***"
5. Urabona nimero uzajya ukurikiranaho ibyakozwe ku kibazo cyanwe
6. Umukozi ubishinzwe azakoresha ayo makuru mu gukora igikwiye

## IV. KUREBA AHO IKIBAZO CYAWE KIGEZE

1. Andika ahabugenewe muri interineti "sobanuzainiko.org"
2. Munsi y'ahanditse "***REBA AHO IKIBAZO CYAWE KIGEZE***" andikamo nimero yo gukurikirana Ikibazo cyawe.

   Urugero: **WEB/3/2019/07-0076**

3. Kanda ku kamenyetso kabigenewe

